REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA HUYE
INAMA NJYANAMA

IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA HUYE YATERANYE KUWA 30 UKUBOZA 2014.

IRIBURIRO

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa **30 Ukuboza 2014** yitabirwa n'abajyanama 25 kuri 28 bagombaga kuyitabira.

INGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 19/09/2014 no kureba uko ibyemezo byayifatiwemo byashyizwe mubikorwa;
2. Raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu by'abagize Komite Nyobozi y'Akarere
3. Raporo y'ishyirwamubikorwa ry'ingengo y'imari 2014-2015
4. Kurebera hamwe imiterere y'isuku mu Karere no gutanga ibitekerezo kungamba nshya zo kuyinoza

5. Gusuzuma no kwemeza imyanzuro y'amakomisiyo ya Njyanama y'Akarere
6. Kurebera hamwe uko umutekano wifashe mu minsi mikuru no mumpera z'umwaka;
7. Ibindi
    - Kungurana ibitekerezo ku migendekere y'itorero inkomezamihigo ry'abanyeshuri bari mu biruhuko
    - Imihigo yaba Mutima w'urugo
    - Itariki y'inama y'ubutaha

Mu byemezo by'ingenzi byafashwe harimo:

i. Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 19Nzeri 2014, imaze kuyikorera ubugororangingo;
ii. Kwemeza raporo y'ibikorwa bya Komite Nyobozi;
iii. Kwemeza imyanzuro y'amakomisiyo y'Inama Njyanama y'Akarere;
iv. Kwemeza ingamba nshya zo kunoza isuku mu Karere ka Huye

Ibyemezo

1. Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 19 Nzeri 2014, imaze kuyikorera ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama..

2. Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu by'abagize Komite Nyobozi y'Akarere yayemeje kandi ishima ibikorwa byakozwe. Maze ifata imyanzuro ikurikira:

- ❖ Inama Njyanama yemeje ko mu myaka ibiri iri imbere buri murenge waba ufite nibura irerero
- ❖ Inama Njyanama yemeje ko ibishanga byose bibyazwa umusaruro byaba ibyatunganijwe,ibitaratunganywa n' ibirimo gutunganywa
- ❖ Inama Njyanama yemeje ko ba rwiyemezamirimo bagomba kujya bakora bita ku bikorwa by'abaturage,ibyononekaye bakabisana ibidasanwa bakabiriha bakirinda kwangiza ibidukikije.

Iyi myanzuro yemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

3. Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo y'ikoreshwa ry'ingengo y'imari y'Akarere 2014-2015 yagejejweho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yayiganiyeho maze irayemeza.

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

4. Inama Njyanama imaze kurebera hamwe imiterere y'isuku mu Karere ka Huye, yayitanzeho ibitekerezo,maze ifata imyanzuro ikurikira:

- ❖ Guha imbaraga amatsinda y'isuku yashyizweho kuva ku mudugudu kugera ku mirenge kandi hakajyamo ibigo by'amashuri byose bihari
- ❖ Inama Njyanama yemeje ko abajyanama mu mirenge bakomokamo bakomeza gukora ubukangurambaga ku isuku bafatanije n'inzego zose no kureba impamvu zitera umwanda ukabije mu ngo kugirango uranduke burundu kandi vuba

- ❖ Inama Njyanama yemeje ko mbere y'uko umwana yinjira mu ishuri mu gitondo,umwarimu azajya abanza kureba isuku ku mwana haba ku mubiri ndetse no ku myambaro
- ❖ Inama Njyanama yemeje ko mu Karere ka Huye buri wa gatanu w'icyumweru ari umunsi w'isuku mu ngo hakaba ari naho hakorwa umugoroba w'ababyeyi ukavugirwamo ibibazo by'umuryango, n'ibyagaragaye mu isurwa ry'ingo. Raporo y'ibyakozwe n'ibyavugiwe mu mugoroba w'ababyeyi ikagezwa ku Karere.
- ❖ Inama Njyanama yemeje ko hagiye kubaho ubukangurambaga bukomeye mu Karere kacu ku buryo nta muturage n'umwe ugomba kurarana n'amatungo mu nzu.
- ❖ Inama Njyanama yemeje kandi ko mu gihe cya Evaluation ikorerwa imirenge,isuku izajya ihabwa amanota menshi.

Iyi myanzuro yemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

5. Inama Njyanama imaze gusuzuma imyanzuro ya komisiyo ziyigize, yemeje ikurikira:

- ❖ Gukurikirana imikorere ya komite za Twigire Muhinzi kugirango zirusheho gukora neza
- ❖ Gukomeza gukora ubuvugizi kuri MINAGRI ku kibazo cy'imbuto n'ifumbire bigera ku baturage bihenze kandi bitinze.
- ❖ Kureba uko hasanwa umuhanda uva ku Murenge wa Kigoma ukagera kuri Centre y'ubucuruzi ya NKENKE kuko wangiritse cyane bigakorwa mu buryo bw'umuganda
- ❖ Gukomeza gukora ubuvugizi kugirango amashanyarazi agere mu Mirenge ya Kigoma na Rwaniro.

- Hakwiye kwibutswa byihutirwa inshingano za Njyanama z'utugari n'imirenge hamwe n'imikoranire yazo n'ubunyamabanga Nshingwabikorwa muri izo nzego
- Gukomeza ingamba z'amarondo mu midugudu kubera ibisambo n'ubundi bugizi bwa nabi
- Mu rwego rwo gushimangira imibereho myiza y'abaturage, abagize inama Njyanama bemejeko hakongerwa ingamba n'imbaraga zigamije guca burundu inzererezi n'abasabiriza mu mujyi wa Huye ku bufatanye n'inzego z'umutekano n'Ubuyobozi bw'Uturere duturanye n'Akarere ka Huye.
- Mu rwego rwo guteza imbere imikino n'imyidagaduro mu nzego zose mu Karere ka Huye, abagize inama Njyanama bemeje ko hashyirwa imbaraga mu kubaka amakipe ku rwego rw'imidugudu, utugari n'imirenge mu mikino itandukanye hibandwa cyane cyane ku bakiri bato. Ibyo bizafasha amakipe y'Akarere kujya abona abakinnyi akinisha bitayagoye.

- Nyuma yo gusesengura uko gahunda yo kugaburira ku manywa abanyeshuri biga muri gahunda ya 12YBE ihagaze kuva yatangira, Inama Njyanama yemejeko hashyirwa ho gahunda yo guhinga ku bigo by'amashuri ibiribwa byo kunganira amafaranga aba yatanzwe n' ababyeyi. Bityo uwo musaruro wazajya wunganira ya miryango itishoboye itabona amafaranga y'ifunguro. Abajyanama bose bakabigira mo uruhare. Abaturage basabwe kujya bakusanya inkunga y'ibiribwa ku gihe cy'umwero kuburyo yafasha abana kubona amafunguro bitagoranye.
- Mu rwego rwo kwita ku rubyiruko ruri mu biruhuko, abagize inama Njyanama bemejeko hashyirwaho amabwiriza ahoraho agenga iki gikorwa ku buryo iyi gahunda yajya itegurwa hakiri

kare n'inzego z'urubyiruko, ibikorwa biteganwa bikajya binateganirizwa mu ngengo y'imari ya buri mwaka.

- Mu rwego rwo kurushaho guteza imbere ubukangurambaga kuri gahunda zitandukanye, abagize Inama Njyanama bemeje ko abakozi ku nzego zibanze by'umwihariko abo mu tugari bazajya bagenerwa amahugurwa yihariye arebana na tekiniki z'uburyo bakora ubukangurambaga kuko ubona hari ikibazo ku bakozi mu buryo bwo kwegera no gukangura abaturage.

Iyi myanzuro yemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

6. Inama Njyanama yemeje ko inama itaha y'inama Njyanama isanzwe izaba kuwa **20/03/2015**

Bikorewe i Huye, kuwa 30.12.2014

MUKASINE Marthe	**Rev. Prof. Viateur NDIKUMANA**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye	Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye